AMEZI Y'IKINYARWANDA

Kimenyi

Reka mvuge amezi y'ikinyarwanda
Ari yo : *Nzeri, Ukwakira, Ugushyingo,*
Ukuboza, Mutarama, Gashyantare,
Werurwe, Mata, Gicurasi,
Kamena, Nyakanga na *Kanama*
Atandukanye n'ay'ikirundi
Ari yo : *Nzero, Ruhuhuma, Ntwarante,*
Ndamukiza, Rusama, Ruheshi,
Mukakaro, Myandagaro, Nyakanga,
Gitugutu, Munyonyo na *Kigarama*.
Amateka adutekerereza ko
Umwami w'i Gisaka ari we Kimenyi Musaya
Umuzirankende w'ingeso n'inseko nziza
Iyo mfura tugira icyo dupfana
Ari we wayahishuriye umwami w'u Rwanda Ruganzu Bwimba
Uwo mukamwe nawe dufitanye isano
Dore ko uwanyonkeje akampeka nawe ari umwenebwimba
Mpereye kuri *Nzeri*
Ni yo yayaboneye izuba
Ni yo nkuru ikagira abuzukuru
Nta kundi kwezi kwayiboneye inzora
Ukwakira kwakira *Ugushyingo*
Ni ko kuyigwa mu ntege
Aya mezi uko ari atatu
Yabaye intare ahabwa intebe
Ni ho haza umuhindo amajuru agahinduka
Igitondo kigahinduka umuhondo
Imvura ikongeza imirindi
Amahindu akigira impindu
Imirundi y'inkuba igakubitana inkubito
Wabona imirabyo ukarabirana
Ukuboza kukaza
Abatayihishiye ngo bayishigishire bakabibazwa
Abakungu ku myaka mbere y'umuhindo ni ho bakungira.
Icyo gihe iyo kirangiye
Mutarama ikataza iteye intambwe
Intabire zikabibwamo amasaka
Abashonji bagashoka amashaza n'umushogoro
Ibishyimbo by'ikungira ryo mu *Kwakira* biba byeze
Izuba riracana inyota ikabica
Kuko urugaryi ruba rwisutse
Hakaba ari ho havuye wa mugani ngo
« Akadahera ni urwimo n'urugaryi »
Igihe ibirenge bishya *Gashyantare* ikaba irashyitse
Werurwe ikaba iraje
Ikaba ari yo ihingwamo injagasha
Mata ntitinda kuboneka

Inka zirarisha abana bagashisha
Amashashi akishima
Hadashize akanya *Gicurasi* ikagira iti ba
Abantu bagacokozwa bakanacunaguzwa n'ibicurane
Abagendesha ibirenge bisa
Urume rukabatera ibiremo by'ibimeme
Inzara z'amano rukazona zikononokera
Ariko abana bakinopfora inopfu, ibigori n'imisigati
Kuva muri *Werurwe* kugera muri *Gicurasi* ni ho bita itumba
Ijuru riratutumba
Amajoro akaba urujijo
Umwijima ukikuba ijana
Abajura bakaba akajagati
Amajeri akijujuta
Mu kwezi kwa *Gicurasi*
Igihugu cyose cyajyaga mu cyunamo
Kibuka ibyago byose cyasimbutse
Uwo muhango wahera iki rikitura aho
Kamena kamena imbwa agahanga
Ni yo izana imbeho y'impeshyi
Abantu bakava imyuna ibyatsi bikuma
Abungeri bakabura ibyo bakora bagakoronga
Bitamaze kabiri icyuka kibiza icyuya
Kigaturuka mu cyoko kigendana icyusa
Ikintu cyitwa icyatsi kikahagorerwa
Ibiryo na byo bikabura icyanga
Icyo cyokere kigakomeza no muri *Nyakanga*
Ibintu n'abantu bakikanga bagakangarana
Icyiza cy'ukwo kwezi
Ni uko abantu baba bavumba ntawe urwaye ifumba
Abana barunda ibinonko botsa runonko
Abandi bakura inanka
Inka zikarisha ibisigati
Ibisambu bigasoromwamo imboga, imbwija,n' imbogeri
Amatongo atendera dodo n'inyabutongo
Ni naho hizihizwaga umunsi mukuru w'umuganura
Hakaba ibiganiro amagana bizira amaganya
Umuhererezi wayo mezi
Ugizwe n'ibice bibiri
Ari byo *Tumba Nyakime* na *Tumba Kanama*
Icyo gisare cy'umusore
Kanama kanamiye *Nzeri*
Iyo irakaye irakara ikaruka amakara.
Ni ho havuye wa mugani ngo
« Ahari ikiziba uhategа *Kanama* na *Nyakanga* ».
.